REPUBULIKA Y'U RWANDA

IBIRO BYA MINISITIRI W'INTEBE

IJAMBO RYA MINISITIRI W'INTEBE, ANASTASE MUREKEZI, NYUMA YO GUSURA URWIBUTSO RWA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI RWA MURAMBI

Murambi/Nyamagabe, kuwa 12/04/2017

- **Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,**
- **Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Amajyepfo,**
- **Ba Nyakubahwa Mugize Inteko Ishinga Amategeko muri hano,**
- **Ba Nyiricyubahiro Abepisikopi,**
- **Nyakubahwa Umuvunyi Wungirije,**
- **Nyakubahwa Muyobozi w'Akarere ka Nyamagabe,**
- **Bayobozi b'Inzego z'Umutekano, iza Gisivile, iz'Abikorera, iz'Amadini n'Amatorero, n'iza Sosiyete Sivile muri hano,**
- **Abahagarariye CNLG na IBUKA muri uyu muhango,**
- **Bavandimwe, Baturage b'Akarere ka Nyamababe,**

1. Ndabasuhuje mwese mbifuriza amahoro. Ndifuza gutangira iri jambo nihanganisha abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi bari hirya no hino mu Rwanda. Ibi bihe byo kwibuka Jenoside yatwaye ubuzima bw'ababo barenga 1,000,000 biraruhije. Nimwihangane kandi mukomeze kuba intwari nk'uko muhora mubigaragaza muri byinshi, harimwo no kubabarira ababatse imbabazi.

2. Kuwa gatanu w'icyumweru gishize, ku itariki ya 07/04/2017, ubwo yatangizaga imihango yo Kwibuka ku nshuro ya 23 Jenoside yakorewe Abatutsi, Nyakubahwa Paul Kagame, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, yarushijeho kwihanganisha abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, agira ati:

> *"Abacitse ku icumu ntibari bonyine, Batakaje imiryango ariko hari umuryango umwe batatakaje. Ni Igihugu. Igihugu cy'u Rwanda ni umuryango w'abacitse ku icumu. Ni n'umuryango wa buri Munyarwanda".*

3. Uyu munsi twaje gusura Urwibutso rwa Jenoside rwa Murambi, ahantu hiciwe Abatutsi barenga 50,000 mu ijoro ryo kuwa 20 rishyira 21 Mata 1994. Iki gikorwa cyo gusura Inzibutso kiri muri Gahunda ya Guverinoma y'u Rwanda mu rwego rwo gushishikariza Abanyarwanda bose, ndetse n'Abanyamahanga, kugira umuco wo gusura Inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi, cyane cyane izo ku rwego rw'Igihugu, kugirango twunamire Abazize Jenoside yakorewe Abatutsi, kandi tubasubize icyubahiro bakwiye.

4. Gusura Inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi, ni bumwe mu buryo bwiza bwo gufasha abantu kurushaho kumenya amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi. Inzibutso ni ibimenyetso bivuguruza, ku buryo budasubirwaho, ba bandi bagishaka gupfobya no guhakana ko Jenoside yabaye mu Rwanda.

5. Mu gusura uru Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi, hari byinshi bibi twongeye kwibuka mu mateka mabi yaranze Igihugu cyacu. Twibukiranye ko kwica Abatutsi bari batuye mu cyahoze ari Perefegitura ya Gikongoro, mu Bufundu, Ubunyambiriri na Nyaruguru byatangiye gukaza umurego mu 1963.

6. Imibiri myinshi y'inzirakarengane twabonye mu Urwibutso rwa Murambi harimwo iy'abana, abagore n'abagabo, abacyecuru n'abasaza, imyenda bari bambaye, amashapule agaragaza ko bapfuye bemera Imana, ibimenyetso by'ibikoresho byakoreshejwe mu kubica, byose bigaragaza ubugome burenze kamere bwaranze abakoze Jenoside.

7. Umuntu wese usuye Urwibutso rwa Jenoside, ataha yumvise neza amateka ya Jenoside n'ingaruka zayo. Ntawe ushobora kumujya mu matwi ngo amubeshye ko Jenoside itabaye cyangwa ngo ayite ayandi mazina ngo tumwemerere. Ndashishikariza rero Abanyarwanda bose, cyane cyane urubyiruko, kurushaho kwitabira gusura Inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi ziri hirya no hino mu Gihugu.

8. Ndashimira CNLG umwete yagaragaje mu gutegura ibi bikorwa byo gusura Inzibutso za Jenoside. Ndanabashimira gufatanya na RDB muri Gahunda ya "Tembera u Rwanda", yo gukangurira abantu bose gusura u Rwanda, harimwo no gusura Inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi.

9. CNLG by'umwihariko, irasabwa no kwihutisha imirimo yo gusana uru Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi, kugira ngo rwuzuze neza ibisabwa na UNESCO, bityo ruge ku Urutonde rw'Umurage w'Isi.

10. CNLG izanihutishe kandi umushinga wo kuzuza igice cy'amateka muri uru Rwibutso rwa Murambi, hifashishijwe amashusho, amajwi, n'irindi korabanuhanga ryo kubika imibiri, no kubika no gutangaza amakuru kuri Jenoside yakorewe Abatutsi. Ibi bizatuma abasura Inzibutso barushaho gusobanukirwa neza n'amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

- **Ba Nyacyubahiro mwese muri hano,**
- **Bavandimwe mwese mwitabiriye uyu muhango,**

11. Jenoside yakorewe Abatutsi yarateguwe. Ni umusaruro w'imiyoborere mibi yaranze Ubutegetsi bwa Gikolonize, n'ubwa Repubulika ya Mbere n'iya Kabiri. Ubuhamya twahawe na Bwana Mutangana Simon, warokokeye Jenoside hano i Murambi, bwarushijeho kubihamya. Ndamushimira cyane kuko yanze guheranwa n'agahinda, agahitamo kwiyubaka, kandi akaba abihuriyeho na benshi mu barokotse Jenoside baharanira kwigira.

12. Ubuhamya bwa Bwana Mutangana Simon bwongeye kunyomoza abagipfobya Jenoside n'abagifite ingengabitekerezo ya Jenoside, baba Abanyarwanda, cyangwa Abanyamahanga barimo cyane cyane Ubufaransa. Uruhare Ubufaransa n'ingabo zabwo bagize muri Jenoside yakorewe Abatutsi rurigaragaza hano iMurambi n'ahandi hose mu Rwanda.

13. Ubufaransa bwari bufitanye ubucuti bukomeye na Leta y'u Rwanda yariho itegura Jenoside buyigira inama. Ingabo z'Ubufaransa zashunguraga Abanyarwanda kuri za bariyeri, zishingiye kubyo bise amoko y'Abahutu, Abatutsi n'Abatwa. Izo Ngabo z'Ubufaransa kandi zatoje Interahamwe, zinafasha Ingabo-Ex-FAR mu ntambara FPR yarwanaga yo kubohora Igihugu. Ubufaransa bwashyizeho Zone Turquoise mu rwego rwo gufasha Interahamwe, Abajandarume n'Ingabo-Ex-FAR zakoze Jenoside, mu guhungira muri Kongo, ziteganya kuzagaruka gukomeza Jenoside mu Rwanda.

14. Ibyo Mutangana Simon yabonye, ibyo abandi barokotse Jenoside babonye, ibyo Abanyarwanda b'inyangamugayo bavuga, ibyo abakoze icyaha cya Jenoside biyemereye mu Nkiko Gacaca no mu zindi Nkiko zaciriye imanza abakekwagaho icyaha cya Jenoside, ibyanditswe kuri Jenoside yakorewe Abatutsi, ibigaragara mu mafilime atandukanye yakozwe kuri Jenoside yakorewe Abatutsi; byose ni gihamya ko Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda yateguwe, kandi abayigizemo uruhare barabibazwa. N'abakoze Jenoside batarafatwa, aho baba bari hose, bazafatwa, bacibwe imanza.

15. Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, amahitamo ahamye Abanyarwanda n'Isi yose dufite, ni ukwiyemeza guharanira ko Jenoside yabaye mu Rwanda mu 1994 itazongera kuba ukundi. Amahitamo meza twiyemeje mu Rwanda, ni ukubana neza mu bumwe n'ubwiyunge, kugendera ku mategeko, kureba kure, gufasha abarokotse Jenoside kubaho, kwiga, kuvurwa no kububakira amazu yo kubamo; ari nako dufasha n'abandi Banyarwanda batishoboye, kugirango bose bahurire ku murimo, maze batere imbere, kuko nta murage w'ubukene twifuza mu Gihugu cyacu.

16. Abanyarwanda twese tugomba gukomeza guharanira kubana mu mahoro, mu bumwe n'ubwiyunge, no guhangana n'uwo ariwe wese, yaba Umunyarwanda cyangwa Umunyamahanga, washaka kudusubiza mu mateka mabi twavuyemo. Uru rugamba ni urwacu twese, cyane cyane urubyiruko rugomba guharanira kuba mu Gihugu gikomeye, kandi kirangwa n'urukundo no gukora cyane kugirango gihore gitera imbere.

17. Turishimira ko kuva nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, ku bufatanye bw'Abanyawanda twese ndetse n'abandi Bafatanyabikorwa, hari ibyiza byinshi tumaze kugeraho, kandi dukesha imiyoborere myiza iranga u Rwanda. Urugamba rwo guhagarika Jenoside no kubohora u Rwanda, rwayoboye n'Ingabo zahoze ari iza FPR Inkotanyi, rwatuzaniye impinduka nziza.

18. Tugomba gusigasira no kurinda ibyiza byinshi u Rwanda rumaze kugeraho. Ibi binahuye n'insangayamatsiko yo Kwibuka ku nshuro ya 23 Jenoside yakorewe Abatutsi, igira iti: *"Twibuke Jenoside yakorewe Abatutsi, Turwanya Ingengabitekerezo ya Jenoside, Dushyigikira ibyiza Twagezeho".*

19. Padiri Masinzo Jerôme, umwe mu Barinzi b'Igihango ku Rwego rw'Igihugu, akaba anavuka i Kaduha mu Bunyambiriri muri aka Karere ka Nyamagabe, yatanze Ubuhamya bukomeye, bugaragaza ubumuntu n'ubugwaneza. Yahuje abagize imiryango y'abarokotse Jenoside n'abakomoka mu miryango y'abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi, arabunga barabana, barizerana.

20. Twese twumvise ukuntu ibikorwa bye byagize uruhare mu komora ibikomere ku mitima no kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge. Padiri, turabashimira cyane. Mwarakoze cyane kuba nyuma yo kurokoka Jenoside mwaranze guheranwa n'ibikomere yabasigiye, ahubwo mukiyemeza komora abandi no kubunga.

21. Ndashishikariza Abanyarwanda bose kurangwa n'Indangagaciro n'ibikorwa byaranze Abarinzi b'Igihango mu bihe byari bikomeye cyane. Dufatanye kwimikaza urukundo, ubutwari, ubumuntu, ubunyangamugayo, gukunda Igihugu, no guteza imbere Gahunda ya Ndumunyarwanda mu Rwanda rw'Abanyarwanda.

- **Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,**
- **Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Amajyepfo,**
- **Bayobozi b'Inzego zuzuzanya muri hano,**
- **Bavandimwe, Baturage ba Nyamababe,**

22. Ndagira ngo ijambo ryanjye ndihinire hano. Nongeye kwihanganisha abarokotse Jenoside bose muri ibi bihe twibuka ababo barenga 1,000,000 bayizize. Nongeye no gufata mu mugongo abafite ababo bashyinguwe muri uru Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi, no kubasezeranya ko nta Jenoside izongera kubaho ukundi mu Rwanda.

23. Ndanashimira abagize uruhare bose mu gutegura uyu muhango wo Kwibuka, barimwo Nyiricyubahiro Musenyeri wa Diyoseze Gatolika ya Gikongoro, wavuze isengesho ryiza ryatugeze ku mutima. Harimwo kandi n'Abatanze ubuhamya bukomeye, ndetse n'Abahanzi badufashije kwibuka abacu muri ibi bihe bikomeye by'icyunamo.

24. Gukomeza kubaka Igihugu cyacu cy'u Rwanda mu mahoro, niyo ntego yacu. Kurwanya abagishaka gupfobya no guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi ni inshingano yacu.

25. Abanyarwanda twese dukomeze kwitabira ibikorwa byo Kwibuka, bizakomeza hirya no hino mu Gihugu muri iyi minsi 100 yatangiye kuwa 07/04/2017 ubwo Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yacanaga Urumuri rw'Icyizere ku Gisozi, iKigali. Tuzarusheho gusura Inzibutso za Jenoside no gufata mu mugongo abo Jenoside yasize iheruheru.

26. Turibuka Twiyubaka. Dukomeze dufatanye Kwibuke Jenoside yakorewe Abatutsi, Turwanya Ingengabitekerezo ya Jenoside, kandi Dushyigikira Ibyiza Twagezeho.

Murakoze,

Mugire amahoro y'Imana y'iRwanda.